ISCID asbl

Institut Seth Sendashonga pour la Citoyenneté Démocratique

**Itangazo rigenewe abanyamakuru**

## INTAMBARA ZA KAGAME ZIKURURIYE U RWANDA IBIHANO BIKAKAYE

### Ubutegetsi bushya bugarura ikizere mu karere kandi bwunga abanyarwanda burakenewe

Muri iki gihe umuryango mpuzamahanga urimo gufatira ibihano bikakaye igihugu cyacu kubera uruhare rwacyo mu ntambara ibera mu burasirazuba bwa Kongo, Ikigo kitiriwe Nyakwigendera Seth Sendashonga (Institut Seth Sendashonga pour la Citoyenneté Démocratique, ISCID asbl) kirageza ku Banyarwanda no ku nshuti z'u Rwanda ubutumwa bukurikira :

1) Ni intambwe ikomeye cyane kuba umuryango mpuzamahanga umaze gusobanukirwa ku buryo budasubirwaho ko intambara imaze imyaka hafi 30 iyogoza uburasirazuba bwa Repuburika iharanira Demokarasi ya Kongo ifite imizi muri politiki y'ubusahuzi ikorwa n'ubutegetsi bwa Perezida Paul Kagame bwagiyeho mu mivu y'amaraso muri Nyakanga 1994 bukaba bwarakomejwe ahanini n'inkunga y'amahanga irimo imfashanyo nyinshi ubwo butegetsi bwahabwaga. Ntabwo dushidikanya ko ibihano birimo gufatwa ahanini bikaba bigizwe n'ihagarikwa ry'izo mfashanyo ari igisubizo gikwiye kandi kizashyira iherezo ku bwibone n'agasuzuguro ku gatsiko kamaze imyaka 30 kayogoza akarere.

2) Institut Seth Sendashonga ishyigikiye byimazeyo cyemezo cya 2773 cyafashwe n'akanama k'umutekano ka Loni gashinzwe amahoro ku isi, tariki ya 21 Gashyantare 2025. Icyo cyemezo gitegeka u Rwanda gukura ingabo zarwo muri Kongo nta yandi mananiza no guhagarika ubufasha bwose rwahaga inyeshyamba za M23. Ifatwa ry'icyo cyemezo ku majwi 15 kuri 15 y'abari bagize ako kanama ryerekanye ko ibyo leta y'u Rwanda yakunze gushyira imbere ivuga ko ijyanwa muri Kongo no kurengera umutekano wayo waba ngo ubangamiwe n'umutwe wa FDRL ndetse no kurengera abatutsi bo muri icyo gihugu baba ngo bakorerwa ivangura n'ihohoterwa, ibyo byose byagaragaye

nk'urwitwazo. Impamvu nyamukuru y'intambara u Rwanda rushora muri Kongo rwitwaje inyeshyamba zigenda zihindura amazina ni ubusahuzi bw'amabuye y'agaciro. Ibyo byigaragaza mu buryo rufashijwe n'izo ntambara rwagiye rushyirwa mu bihugu bya mbere ku isi bigemura amabuye y'agaciro ku masoko mpuzamahanga kandi rudashobora kwerekana aho rucukura ayo mabuye.

3) Institut Seth Sendashonga irashimira byimazeyo ibihugu byanze gukomeza kurebera amarorerwa ingabo za Leta y'u Rwanda zirimo gukora mu burasirazuba bwa Kongo, harimo kuvogera ubusugire bw'igihugu cy'abaturanyi, ubwicanyi burimbura inyoko muntu, gufata abagore ku ngufu n'ibindi byaha by'intambara. Birakwiye ko gahunda yo gucira imanza abagize uruhare muri ayo mahano zihutishwa kuko nibwo buryo bwo kurandura imizi ya ziriya ntambara ishingiye ahanini mu kwizera ko ibyakorwa byose nta ngaruka bizagira ku babikoze. Imyaka 30 ubutegetsi bwa FPR Inkotanyi bumaze buyikesha kuba umuryango mpuzamahanga warahisemo gufunga amaso ku byaha by'indengakamere kandi bifitiwe ibimenyetso byakozwe haba mu Rwanda, haba muri Repuburika iharanira Demokarasi ya Kongo, haba no mu bindi bihugu.

4) Ku byerekeye ikibazo cya FDRL cyakunze kugirwa urwitwazo rw'intambara ubutegetsi bw'u Rwanda bushora muri Repuburika iharanira Demokarasi ya Kongo, Institut Seth Sendashonga irashimangira ko icyo kibazo gishingiye ahanini ku miterere y'ubutegetsi bw'igitugu buri mu Rwanda. Tuributsa ko uretse impunzi z'abanyarwanda ziri mu Kongo izindi mpunzi nyinshi zahunze ubwicanyi bwa FPR Inkotanyi zuzuye hirya no hino ku isi. Birakwiye ko umuryango mpuzamahanga ushyira ingufu mu gufasha abanyarwanda kubona inzira nyayo y'ubwiyunge izanyura mu ifungurwa ry'urubuga rwa politiki no guha abenegihugu uburenganzira busesuye bwo kuvuga ibitekerezo byabo no kwihitiramo abayobozi. Nta na rimwe akarere k'ibiyaga bigari kazagira

amahoro arambye ibibazo by’ingutu bya politiki biri mu Rwanda bidashakiwe ibisubizo.

Bikorewe i Buruseli, tariki ya 06/03/2025

Jean-Claude Kabagema

Perezida wa ISCID asbl

